IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 02 NZERI 2012.

Ku Cyumweru tariki ya 2 Nzeri 2012; mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Innovation Center" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo isanzwe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Bwana ZINARIZIMA Diogène, amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 28 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Iyo nama yitabiriwe kandi na bamwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ari bo:

- Depite NYANDWI Joseph Désiré
- Depite GAHONGAYIRE Aurélie
- Depite UWIMANA Espérance

Iyo nama yanatumiwemo kandi yitabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakuru b'imirimo ku Karere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abitabiriye inama ingingo ziri bwigweho zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 12 Kanama 2012.
2. Kungurana ibitekerezo kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya leta (Auditeur Général) y'umwaka wa 2010-2011.
3. Gusimbuza bamwe mu bari bagize "Audit Committee" y'Akarere ka Nyamagabe.
4. Kungurana ibitekerezo kuri gahunda "Agaciro development fund" mu Karere ka Nyamagabe.
5. Gusuzuma raporo ya Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko ku itunganywa ry'amadosiye y'abakozi b'Akarere ka Nyamagabe.
6. Gusuzuma raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu ku mishahara mishya n'ibindi bigenerwa abakozi b'Akarere ka Nyamagabe.
7. Gusuzuma ikibazo cy'ikibanza cyasabwe n'ishuri ryigisha imyuga "AFTP ejo heza".
8. Gusuzuma ikibazo k'ikibanza cyakwa n'umushinga ENNY : ENERGIE NYARUGURU LTD wo gukwirakwiza amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba.
9. Gusuzuma ikibazo cy'Imirenge SACCO yasabye kwegurirwa inyubako ziri mu mutungo bwite w'Akarere no guhabwa ibibanza byo kubakamo.
10. Ibindi.

Umuyobozi w'inama amaze kumenyesha Abajyanama ingingo ziri bwigweho; mu bindi hemejwe ko hari busuzumwe amabaruwa ya bamwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere asaba ikiruhuko.

I. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA YATERANYE KU WA 12 KANAMA 2012.

Inyandikomvugo y'inama y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 12 Kanama imaze gusomwa mu ruhame no gukorerwa ubugororangingo, yemejwe ku bwumvikane busesuye n'abagize Inama Njyanama y'Akarere.

II. KUNGURANA IBITEKEREZO KURI RAPORO Y'UMUGENZUZI MUKURU W'IMARI YA LETA (AUDITEUR GÉNÉRAL) Y'UMWAKA WA 2010-2011.

Abagize Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu mu Nama Njyanama y'Akarere bagejeje ku Bajyanama incamake y'amakosa n'inama zo kuyakosora byagaragajwe n'Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta mu mwaka wa 2010-2011.

Amakosa yagaragajwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta agera kuri 38; akaba ari mu byiciro bitandatu bikurikira:

1) Financial statements;
2) Amafaranga yinjira mu Karere;
3) Amafaranga asohoka mu Karere;
4) Uko caisse n'amakonti y'Akarere bicunzwe;
5) Amafaranga akoreshwa muri VUP
6) Imikorere ya servisi y'ubugenzuzi (District audit committee)

Muri ayo makosa 38 yagaragajwe, agera kuri 68% yarangijwe gukosorwa, 21% ari mu gukosorwa naho 11% ntaratangirwa gukosorwa.

Nyuma yo kumva ubwoko bw'amakosa yagaragaye n' ingamba zafashwe na Komite Nyobozi zo kuyakosora ; abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira :

Komite Nyobozi igomba gushyira mu bikorwa vuba inama zose yagiriwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Komite Nyobozi igomba kwihutira gukosora amakosa yose atarakosorwa kandi amakosa yagaraye ntazongere kugaruka muri raporo itaha.

Komite Nyobozi igomba gukurikirana ikananoza imikorere ya PFM (Public Financial Management) haba ku rwego rw'Akarere ndetse n'urw'Umurenge.

Buri mukozi, agomba kwihutira gukosora amakosa avugwa muri iyi raporo ajyanye n'inshingano ze.

III. GUSIMBUZA BAMWE MU BARI BAGIZE "AUDIT COMMITTEE" Y'AKARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Inama Njyanama ku bwumvikane busesuye basimbuje kandi banuzuza umubare

w' abagize "District Audit committee" mu buryo bukurikira: Madamu NIYITEGEKA Béathe (usanzwe ari Umuyobozi w'Umurenge SACCO/ GASAKA) yasimbuye Bwana KABUTO Michel utakiba iNyamagabe kubera impamvu y'Akazi. Inama Njyanama yatoye kandi ku bwumvikane busesuye Madamazera MUKARUBAYIZA Béatrice (asanzwe ari Umujyanama mu nama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe) kugira ngo yuzuze District Audit Committee itari yuzuye. Bityo, District Audit Committee ubu igizwe n'abantu batanu bakurikira:

- BACONDO Jean Baptiste.
- NYIRAHATEGEKIMANA Véredianne.
- NSHIMYUMUREMYI Paul
- NIYITEGEKA Béathe.
- MUKARUBAYIZA Béatrice.

Mu gusoza iyi ngingo,Inama Njyanama yemeje kandi ku bwumvikane busesuye ko biro y'Inama Njyanama ifatanije na Komite Nyobozi y'Akarere bazafasha abagize District Audit Committee guhura mu gihe cya vuba kugira ngo bitoremo'' Président''.

IV. KUNGURANA IBITEKEREZO KURI GAHUNDA "AGACIRO DEVELOPMENT FUND" MU KARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Komite Nyobozi bagejeje ku bajyanama inkomoko, intego n'icyerekezo bya gahunda : "AGACIRO DEVELOPMENT FUND" ndetse banagaragaza aho igeze ishyirwa mu bikorwa mu Karere ka Nyamagabe. Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi gahunda, barayishimye maze ku bwumvikane busesuye biyemeza kuyishyigikira banyuza inkunga yabo mu byiciro bitandukanye babarizwamo; baniyemeza kandi no kuyisobanurira abaturage babatoye. By'umwihariko, Abajyanama banashimye uko iyi gahunda yatangijwe ku mugaragaro ku rwego rw'Akarere ka Nyamagabe tariki ya 31 Kanama 2012, n'uburyo abaturage b'Akarere bayishyigikiye aho kuri uwo munsi hakusanyijwe amafaranga angana na Miliyoni magana atatu na mirongo itatu na zirindwi n'Ibihumbi Magana atanu na mirongo itatu na bitandatu na Magana inani na makumyabiri n'ane y'amafaranga y'u Rwanda (337,536,824 frw). Mu gusoza iyi ngingo, Abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira:

Komite Nyobozi igomba gukomeza gushishikariza abaturage kwitabira iyi gahunda kandi bigakorwa hakurikijwe uko amabwiriza ayigenga abivuga.

Komite Nyobozi igomba gushyiraho uburyo bunoze bwo gukurikirana no gukusanya inkunga yemewe n'igenda yemerwa.

V. GUSUZUMA RAPORO YA KOMISIYO Y'UBUYOBOZI, POLITIKI N'AMATEGEKO KU ITUNGANYWA RY'AMADOSIYE Y'ABAKOZI B'AKARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho na Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko, raporo irambuye igaragaza uko amadosiye y'abakozi yatunganyijwe, Abajyanama bashimiye Komisiyo umurimo yakoze , banashima Komite Nyobozi uburyo yakosoye amakosa yari yaragaragaye muri raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere, aho ku amadosiye 127 y'abakozi atari yuzuye, ubu 98% by'ayo madosiye ameze neza. Mu kwanzura kuri iyi ngingo, abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko n'amadosiye make asigaye ataratunganywa Komite Nyobozi igomba kwihutira kuyatunganya kandi ikanakurikirana niba n'ibindi byerekeranye n'abakozi nk'amafaranga y'ubwiteganyirize bw'izabukuru n'ayerekeranye na RAMA bikorwa neza, kandi bikarebwa no kubindi byiciro by'abakozi nk'abarimu, abakozi bo mu mavuriro n'abandi babifitiye uburenganzira.

VI. GUSUZUMA RAPORO YA KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU KU MISHAHARA MISHYA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'AKARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho na Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu raporo irambuye igaragaza imiterere y'imbonerahamwe y'ikitegererezo y'imishahara mishya yoherejwe na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ku wa 17 Nyakanga 2012 yasanze hari abakozi iyo mboneramwe ishyira ku mishahara mito ugereranyije n'amafaranga bari bagezeho bahembwa; hari kandi n'abandi ishyira ku mishahara iri hejuru y'iyo bahembwaga.

Nyuma yo kubyunguranaho ibitekerezo, abagize Inama Njyanama y'Akarere, bemeje ku bwumvikane busesuye ko iyo mbonerahamwe y'cyitegererezo y'imishahara mishya ikurikizwa; ariko aho bigaragara ko umushahara w'umukozi ugabanuka ugereranyije n'umushahara yaragezeho ahembwa, uwo mukozi akomeza guhembwa umushahara yari agezeho n'aho uwo bigaragara ko umushahara we wiyongereye bitewe n'iyo mbonerahamwe ,agahembwa umushahara nk'uko ugaragara mu mbonerahamwe y'icyitegererezo yoherejwe na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

VII. GUSUZUMA IKIBAZO CY'IKIBANZA CYASABWE N'ISHURI RYIGISHA IMYUGA "AFTP EJO HEZA".

Abagize Komite Nyobozi bagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo ya Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere ku kibanza cyasabwe n'ishuri ryigisha imyuga AFTP EJO HEZA (Association pour la Formation Professionnelle). Bamaze kuyunguranaho ibitekerezo, Abajyanama basanze ikibanza cyasabwe n'iri shuri AFTP EJO HEZA giherereye ku muhanda ujya kuri RSSB mu Mudugudu wa Nyarusange, ahantu hatagenewe gushyirwa ibikorwa by'uburezi, ahubwo hagenewe inyubako zo guturamo; bityo bemeza ku bwumvikane busesuye ko AFTP EJO HEZA itahabwa icyo kibanza, ahubwo ko Komite Nyobozi y'Akarere yazabafasha kubona ahandi hantu hakwiye kubakwa iryo shuri.

VIII. GUSUZUMA IKIBAZO K'IKIBANZA CYAKWA N'UMUSHINGA ENNY : ENERGIE NYARUGURU LTD WO GUKWIRAKWIZA AMASHANYARAZI ATURUKA KU MIRASIRE Y'IZUBA.

Abagize Inama Njyanama bagejejweho na Komite Nyobozi raporo ya Komisiyo y'ubutaka ku rwego rw'Akarere yerekeranye n'ikibanza cyakwa n'umushinga "ENNY: ENERGIE NYARUGURU LTD''. Bamaze kuyunguranaho ibitekerezo, Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko umushinga "ENNY: ENERGIE NYARUGURU LTD'' ufashwa na Komite Nyobozi kubona aho ukorera umushinga wo gukwirakwiza amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba mu Karere mu buryo butanyuranyije n'amategeko.

IX. GUSUZUMA IKIBAZO CY'IMIRENGE SACCO YASABYE KWEGURIRWA INYUBAKO ZIRI MU MUTUNGO BWITE W'AKARERE NO GUHABWA IBIBANZA BYO KUBAKAMO.

Abajyanama bamaze gusuzuma amabaruwa y'Imirenge SACCO yasabye kwegurirwa amazu ari mu mutungo bwite w'Akarere n'indi yasabye ibibanza byo kubakamo amazu yo gukoreramo, bemeje ku bwumvikane busesuye ko Imirenge SACCO yasabye kwegurirwa amazu ari mu mutungo bwite w'Akarere iyahabwa . Iyo Mirenge SACCO ni iyi kurikira:

- Indangamirwa Kibumbwe SACCO
- Indatwa Musebeya SACCO
- Imbere Heza Cyanika SACCO

Ku byerekeranye n'ibibanza byasabwe n'Imirenge SACCO, Abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko Imirenge SACCO yifuza ibyo bibanza, igomba gukurikiza amabwiriza asanzwe akurikizwa yo kwaka ibibanza, maze bakabihabwa mu buryo bukurikije amategeko.

Iyo Mirenge SACCO ni iyi ikurikira:

- Icyerekezo Mbazi SACCO
- Jyambere SACCO Gatare
- SACCO Inshuti z'Imugano
- SACCO Ibyiringiro Uwinkingi
- Tubwambuke Nkomane SACCO

X. IBINDI

Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ibiruhuko byasabwe na bamwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere ku buryo bukurikira :

- Umuyobozi w'Akarere Bwana MUGISHA Philbert yemerewe ikiruhuko cy'iminsi cumi n'itanu (15) kizatangira tariki ya 10 Nzeri kikageza tariki ya 24 Nzeri 2012 nk'uko yabisabye mu ibaruwa yandikiye Perezida w'Inama Njyanama ku wa 31 Kanama 2012.

- Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage mu Karere ka Nyamagabe Bwana BYIRINGIRO Emile yemerewe ikiruhuko cy'iminsi mirongo itatu (30) kizatangira tariki ya 25 Nzeri kikageza tariki ya 24 Ukwakira 2012 nk'uko yabisabye mu ibaruwa yandikiye Perezida w'Inama Njyanama ku wa 31 Kanama 2012.

Inama yatangije imirimo yayo saa tanu (11h00) iyisoza saa kumi n'igice (16h30)

Umwanditsi w'inama

AYINKAMIYE Donatille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'inama

ZINARIZIMA Diogène
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe